# Ese koko iyi si iyoborwa na Illuminati ? (Igice cya Gatatu)




*Nyuma y'inkuru 2 zabanjirije iyi zivuga kuri Illuminati, benshi bifuje kumenya amazina ya bamwe mu bagize Illuminati n'aho ikura imbaraga ifite. Abanditsi benshi bagiye bavuga ku bakekwa kuba bari muri Illuminati, ariko ntibyoroshye kubamenya kuko nyine ni secret society.*

Abahanga bavuga ko abantu bakeka ko iyi si iyoborwa na Loni cyangwa ko ibihugu byacu biyoborwa na ba perezida bibeshya cyane. Mu by'ukuri hari inzego zitandukanye zigena ibyiza n'ibibi bigomba kuba kuri iyi si kandi zikabigeraho. Nizo zizamura ibiciro zikabimanura, nizo zigena uburyo indwara ziyongera cyangwa zigabanuka, nizo ziteza ibyago zikanatabara… Izo nzego zigizwe n'abantu bari mu myanya ikomeye muri iyi si, kandi bakora ibyo zateganyije. Urwego rukuru muri zo ni Illuminati.

Muri Illuminati hagiye harimo abantu benshi bakomeye bagiye bari mu nzego n'udutsiko dutandukanye, aba mbere bakaba aba Freemasons. Gusa aba Freemasons ni benshi no mu Rwanda barahari nta kabuza, ariko muri Freemasons habamo inzego (degrees). Ugeze ku rwego rwa 33 aba ari umuntu ukomeye cyane wamaririje mu buhanga bw'umwijima.

Mu ba Freemasons bamenyekanye harimo : Omar Bongo Ondimba (wayoboye Gabon), Denis Sassou Nguesso (uyobora Congo-Brazzaville), Idriss Deby (Tchad), Gnassingbé Eyadema (wayoboraga Togo), Paul Biya (Cameroun), Blaise Compaoré (Burkina Faso), Silvio Berlusconi (minisitiri w'intebe w'u Butaliyani), Adam Weishaupt washinze Illuminati, abami benshi b'u Burayi baba abahise n'ab'ubu, abaperezida benshi b'Amerika, Harry, Samuel na Jack Warner (bashinzwe Warner Bros. isohora films nyinshi ureba), abanditsi bakomeye mu mateka n'abandi benshi cyane.



**Compaoré, Bongo, Biya na Sassou Nguesso bari kumwe na Chirac**

Uretse Freemasonry, hari abandi benshi bakomoka mu tundi dutsiko tw'ibanga. Aha havugwa cyane nka Skull and Bones yashinzwe mu 1832 muri kaminuza rurangiranwa ya Yale muri USA. Iyi Kaminuza ibarirwa mu zikomeye, ikaba yarizemo abayobozi bakomeye muri Amerika nka Bill na Hillary Clinton, ba Bush bombi n'abandi benshi. Abagize Skull and Bones bafite imihango bakorera mu nzu yabo yitwa The Tomb (imva) iri muri iyo Kaminuza, ibyo bakora ni ibanga ariko abahageze bavuga ko habamo ibikorwa by'ubupfumu, gutura ibitambo, kuvuga amabanga yabo yose (ibibi bakoze, abagore baryamanye n'uko byagenze n'ibindi).



**Ikimenyetso cya Skull and Bones**

Abagize Skull and Bones (bita Bonesmen) bagirana igihango gikomeye kandi bayaziyemeza gufatanya igihe cyose. Niyo mpamvu ubwo Bush na John Kerry bahatanaga ku mwanya wa perezida muri 2004, abantu bamwe bavugaga ko uzatorwa wese ari kimwe kuko bombi bari aba bonesmen. Skull and Bones yahaye Amerika abayobozi benshi cyane harimo abaperezida 3 (William H. Taft, George Bush na George W Bush), abasenateri, abajenerali n'abacamanza batabarika.

Inzego zifata gahunda y'icyerekezo cy'isi si Loni, FMI (IMF) na Banki y'isi nk'uko mwabikeka, ahubwo ni imiryango imwe n'imwe igizwe n'abantu bake kandi iterana mu ibanga :

- *Council on Foreign Relations (CFR)* : ni ikigo cy'ubushakashatsi mu byerekeye ububanyi n'amahanga. Ibivugirwamo ni ibanga rikomeye. Isuzuma ryakozwe ryasanze ½ cy'Abayobozi bakuru mu nzego z'ubutegetsi muri Amerika bari muri CFR ! Muri bo harimo Obama n'abamubanjirije (Jimmy Carter, ba Bush, Clinton), abasenateri benshi (Mc Cain wari 'uhanganye' na Obama n'abandi), abanyapolitike, abadipolomate, abajenerali, abarimu muri kaminuza, abanyamakuru bakomeye, impuguke zitandukanye, abanyamadini (nka Rick Warren, etc), ibyamamare (Angelina Jolie), n'abandi benshi barenga 4000.



**Hillary Clinton na Rick Warren bari mu bagize Council on Foreign Relations**

- *Bildeberger Group* : ni itsinda rihuriramo abanyemari, abanyapolitiki, abanyamakuru n'abandi bantu benshi bakora mu nzego zitandukanye zo ku isi. Ibiganiro bagira biba ari ibanga ariko bigira ingaruka nyinshi mu buzima bwacu. Mu bagize iyo group harimo ibikomangoma n'abami b'i Burayi, n'abandi bikomerezwa bitandukanye byo ku isi. Bo bavuga ko mu biganiro byabo babonera ibisubizo ibibazo byo ku isi, ariko bumwe mu bisubizo batanga ubwabyo biba bigenewe kubyara ibindi bibazo…

- *13 Satanic Bloodlines* : ni imiryango 13 yo ku isi ifatwa nk'iyifitemo amaraso avanze y'abantu n'ay'amadayimoni. Ni imiryango ifite ubukire buhambaye, ubutegetsi kuri iyi si ku buryo bakora icyo bishakiye. Muri yo harimo famille ya Astor, Bundy, Collins, Freeman, Kennedy (ikomokamo John F Kennedy, Robert F Kennedy na Senateri Ted Kennedy bose bitabye Imana), famille ya Li (yo mu Bushinwa), Onassis, Reynolds, Russell, Van Duyn, Rockefeller (famille y'abaherwe bo muri Amerika, ni benshi kandi bamwe muri bo ni aba milliardaires ariko ntiwabasanga ku rutonde ruzwi rwa Forbes), Rotschild (famille y'abayahudi ikomeye cyane i Burayi, bivugwa ko utubanki twose two ku isi badufiteho ububasha, harimo n'iyo wowe ubitsamo. Bivugwa kandi ko ½ cya zahabu yo ku isi ari iyabo).

Kuri iyo miryango hiyongeramo Merovengian ukomokamo abami bose b'i Burayi kuva mu mwaka wa 800 nyuma ya Yezu (imiryango y'abami yirirwa ishyingirana ngo bagumane amaraso yabo) ! Iyi famille niyo ikomokamo Lincoln, Bush, Obama, Bill na Hillary Clinton, Dick Cheney, Princess Diana, John Kerry, Brad Pitt, Marilyn Monroe, Céline Dion n'abandi benshi mwamenya mukumirwa…



**Abaperezida 4 bafitanye isano : Bush Sr, Obama, Bush Jr na Clinton**

Muri make muri abo bose bavuzwe haruguru hari abafite ibitekerezo bya gikomunisiti, hari n'aba capitalists. Harimo abemera Imana n'abatayemera, harimo aba republicans n'aba democrats, harimo abazi ko barimo n'abatabizi, abitwara neza n'abitwara nabi, ariko intego yabo ni imwe : kugira isi nk'igihugu kimwe, bakazayitegeka kuko aribo banyabwenge b'ikirenga (illuminati). Muri bimwe mu bitekerezo bafite harimo kugabanya umubare w'abatuye isi hakoreshejwe intambara, jenoside, indwara, inzara, imitingito (yes, habaho imashini itera imitingito ikomeye) n'ibindi ngo kuko basanga ku isi hari abantu benshi barya badakora. Ibyo kandi bazabigeraho kuko byose ari ibyabo : amafaranga, ubutaka, ikirere, amashuri, amadini n'ibitangazamakuru (AFP, AP, Reuters, BBC, RFI, CNN, New York Times, Washington Post, etc)

Iyo si izayoborwa n'umuntu umwe ukomoka mu muryango w'umwami Dawidi (niwo Yezu akomokamo, ninawo aba merovingians bakomokamo). Aba Kristu umuntu nk'uwo tumwita Antichrist kuko azaba avuga ko ari Kristu (dore ko bazaba banahuje amaraso). Abasenga nimusenge...

http://www.igihe.com/politiki/amakuru-124/ese-koko-iyi-si-iyoborwa-na-illuminati-igice-cya-gatatu.html